Repubulika y'u Rwanda
Umujyi wa Kigali

# ITANGAZO

Mu rwego rwo koroshya ingendo mu Mujyi wa Kigali muri ibi bihe by'iminsi mikuru, Umujyi wa Kigali ku bufatanye n'Ikigo Ngenzuramikorere (RURA) uramenyesha abantu bose ko guhera ku wa **Gatandatu tariki ya 30 Ukuboza kugeza ku Cyumweru tariki ya 31 Ukuboza 2023,** gahunda yo gutega imodoka ku bifuza kugana mu Ntara zitandukanye iteye mu buryo bukurikira:

- Aberekeza mu Ntara y'Amajyepfo n'iy'Iburengerazuba mu Turere twa Nyamasheke, Rusizi, Karongi, Ngororero na Rutsiro (unyuze i Karongi) bazafatira imodoka kuri **Kigali Pele Stadium i Nyamirambo;**

- Aberekeza mu Ntara y'Iburasirazuba banyura mu nzira ica i Kabuga bazafatira imodoka muri **Gare ya Kabuga;**

- Abandi batavuzwe muri iri tangazo bazakomeza gufatira imodoka aho basanzwe bazifatira (Gare ya Nyabugogo na Gare ya Nyanza ya Kicukiro).

Abakeneye ibindi bisobanuro, bahamagara Umukozi w'Umujyi wa Kigali, NDIKUMANA Victor kuri nimero: +250782431465.

Tuboneyeho kubifuriza umwaka mushya muhire wa 2024 no kugerayo amahoro!

Bikorewe i Kigali, ku wa 27/12/2023

**DUSENGIYUMVA Samuel**
**Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali**